# KAMONYI

AMAKURU

Edition 5: Nyakanga 2023

IGISHUSHANYO MBONERA CY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA CY'AKARERE 2050

IKINYARWANDA

## Ibikorwa remezo n'ingezi mu gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cy'agace k'umujyi n'iterambere rirabye ry'Akarere ka Kamonyi



Igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka mu karere ka Kamonyi, muri bimwe kigamije n'uguteza imbere agace k'umujyi mu buryo bworohereza abaturuka mu bice by'icyaro no mu bindi bice byifuza ubuhahirane na serivise zoroshye kubona mu mujyi nk'ubucuruzi bunini, na serivise ziboneka ku rwego rw'Akarere birimo nka servisi zubuvuzi budasanzwe, n'ibindi bigorana kuboneka mu bice by'icyaro.

Ibi rero bisaba gutegura no gushushanya neza agace k'umujyi gafite ibikenewe byose kugira ngo umujyi urusheho gutera imbere.

**Igishushanyombonera cy'agace k'umujyi (Urban Design) wa Kamonyi giteganijwe kuzashushanywa kuri hegitari 100 kizaha isura nshya Akarere igendanye n'umwihariko wako.**

Byumwihariko bisaba kwita ku bikorwa remezo cyane cyane imihanda igezweho, imiyoboro y'amazi, amashanyarazi, isuku n'isukura mu gice cy'umujyi, kubungabunga amasoko y'amazi no kurinda ibidukikije.

Nubwo ibyo byose bikenerwa, iki kinyamakuru kiraza kwibanda ku bikorwa remezo bitewe n'impinduka nini byagira ku isura nshya yakarere iteganijwe.

Igishushanyombonera cy'agace k'umujyi (Urban Design) wa Kamonyi giteganijwe kuzashushanywa kuri hegitari 100 kizaha isura nshya Akarere igendanye n'umwihariko wako.

### Imihanda nyabajyendwa iteguranye ubuhanga n'impinduka byagira ku iterambere mu gace k'umujyi wa Kamonyi

Nubwo Akarere ka Kamonyi kagaragara nkagafite imihanda ihagije igahuza n'utudi duce cyane cyane uturere bihana imbibi, n'Umurwa mukuru wa

Kigali, hari imbogamizi nyinshi zigenda zongera kudindiza urujya n'uruza rw'bantu. Ibi biterwa n'imihanda idakoze neza bihagije ishobora kuba itaritaye ku bwiyongere bw'abaturage iriho ubu n'iteganijwe mugihe cy'ahazaza.

Ubu Akarere ka Kamonyi cyane cyane agace ka Ruyenzi karangwa n'imodoka nyinshi bitewe n'uko hari inganda nyinshi n'ibindi bikorwa by'iterambere nk'amasoko, ubucuruzi bwo ku mihanda, aho bisi(bus) zihagarara, sitasiyo za peteroli, bigatuma haba umubyigano umunsi ku wundi, ndetse kuba umuhanda ukoreshwa n'ibinyabiziga biremereye bigatera ibikorwaremezo kwangirika vuba.



### Hazifashishwa amahame mpuzamahanga hagamijwe korohereza urujya n'uruza mu gace k'umujyi

Kugira ngo habeho imigendekere myiza ihuza ibice bitandukanye by'ahazakorerwa inyigo yimbitse y'agace k'Umujyi, nuko hagomba kubaho uburyo bwiza bwo gutwara abantu n'bintu byabo bujyanye n'iterambere kandi bijyanye n'imibare y'abakorera muri icyo gice cy'mujyi. Ibi bizitabwaho muri iki gihe cyo gutegura no kunoza iyi nyigo. Guhanga imihanda mishya, n'ingamba zo gukumira no kugabanya umuvundo w'ibinyabiziga ni bimwe mu bizibandwaho.

### Parikingi nka kimwe mu bikenerwa kugira ngo umujyi urusheho kuba nyabagendwa



Buri mujyi utunganyije neza ugira parikingi rusange zateguwe ahantu hari ibikorwa byinshi n'ahantu hahurira abantu benshi. Ibi bikorwa kugira ngo byorohere buri wese kugera ku bikorwa na serivisi zitangirwa muri ako gace k'umujyi.

Agace ka Ruyenzi uko bimeze ubu nuko kadafite parikingi rusange zihagije bigatuma benshi bahitamo kwikomereza badahagaze mu Mujyi cyangwa abandi bagakomeza gusiragira bashaka aho baparika bahabuze. Akenshi usanga no ku mazu y'ubucuruzi nta parikingi zabugenewe ku modoka zitwara imizigo; bamwe usanga bapakururira mu mbago z'imihanda bigateza umubyigano ndetse bigatuma n'inzira z'abanyamaguru hamwe na hamwe zifungwa. Ibi rero bigira uruhare mu kudindiza iterambere rirambye. Ibi ni bimwe mu birimo gushakirwa ibisubizo mur'iyi gahunda yo gutegura inyigo y'imbitse y'agace k'Umujyi.


### Uburyo bunoze bwo gutwara abantu n'ibintu





Umubare munini w'abaturage bo mu Karere ka Kamonyi, kimwe n'ahandi hose mu Gihugu bagenda n'amaguru cyangwa se bagakoresha imodoka rusange nk'uburyo bwo kugera mu bice bitandukanye. Imodoka rusange zikoreshwa zizwi ku izina rya Kwasiteri (Coaster) na minibisi zifitwe namashyirahamwe cyangwa abantu kugiti cyabo.
Kubera ko umubare w'abaturage wiyongera cyane, hagomba gutekerezwa uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu muburyo burambye kandi bujyanya n'igihe tugezemo. Kandi n'ubwo bamwe bahitamo gukoresha ubundi buryo nko gutega moto cyangwa amagare, usanga akenshi ari uburyo buhenze kubaturage cyane mu gendo za kure.
Inyigo y'imbitse y'agace k'umujyi izaba igamije gushyira ku murongo ibintu birimo inzira z'abanyamaguru n'amagare, imihanda nyabagendwa yubatse neza, ubwiza bwo ku mihanda harimo n'ubusitani, amatara yo ku mihanda, parikingi rusange, ibyapa byo ku mihanda biburira abagenzi, inzira z'amazi y'isuri, ibyapa bya bisi bigezweho, n'ibindi.

## Amazi, Isuku n'isukura

Kugirango abaturage batuye muri Kamonyi bakomeze kugira ubuzima bwiza, birakwiyeko begerezwa amazi meza kandi ahoraho, ariko ibi bikanahuzwa no kwita ku isuku n'isukura yaho batuye, aho bakorera, naho bidagadurira cyangwa baruhukira.
Nubwo bigaragara ko kugeza ubu Akarere ka Kamonyi gafite amasoko y'amazi ahagije ku baturage bagatuye, biteganijwe ko ubwiyongere bw'abaturage n'ibikorwa mu gihe kizaza bizatuma ibipimo by'amazi akenerwa ku munsi byiyongera cyane bigasaba ko hashyirwaho ingamba zihamye zo kongera inganda zitunganya amazi no kwagura imiyoboro ikwirakwiza amazi hirya no hino.




Kurundi ruhande Akarere ka Kamonyi karacyafite ibibazo bijyanye n'isuku, n'isukura. Igice kinini cy'Akarere ntago gifite uburyo burambye bwo kwita ku myanda y'ubwoko bwose.

Muri iyi gahunda tuzita cyane ku bijyanye naho imyanda yashyirwa ikanatuganwa kugira ngo ibe yatanga uwundi musaruro cyane cyane ifumbire n'amashanyarazi aturuka ku myanda kuko ari nta ruganda rutunganya imyanda mu Karere.

Kutagira ahagenewe kumena no gutunganyiririza imyanda hateguwe neza bituma imyanda yivanga kandi ikananduza amasoko y'amazi, ikanahumanya ikirere.

## Hatangijwe igikorwa cyo gutegura ibishushanyomboneza miturire mu mirenge 6

Nyuma y'uko hemejwe imbago z'ahazakorerwa ibishushanyomboneza miturire, kubufatanye n'abaturage hatowe komiti zizaba zihagarariye inyungu za bene ubwo butaka mu mirenge 6 yatoranijwe mu karere ka Kamonyi. Iyo mirenge ni Musambira, Mugina, Rukoma, Nyarubaka, Nyamiyaga na Kayenzi. Izo komite zigizwe n'bantu batanu barimo Perezida wa Komite,Visi Perezida, Umunyamabanga, Umubitsi, n'umujyanama. ibikorwa byo gutegura ibishushanyomboneza miturire izatuma habaho kugabanya imiturire y'akajagari abaturage bature neza kandi heza hari ibikorwa remezo nk'imihanda n'amazi. Bizanazamura agaciro k'ubutaka bityo byihutishe iterambere rirambye ry'utwo duce.



# Ibikorwa by'ikusanyamakuru n'uruhare rw'abaturage kubijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka biberanye

Ibikorwa by'ikusanyamakuru n'uruhare rw'abaturage mu ikorwa ry'igishushanyombonera bikomeje gushyirwa imbere nyuma y'uko na none hatangijwe izindi nama mu mirenge yose y'Akerere ka Kamonyi kugira ngo hashyirwe ku murongo no guhuza ibijyanye na site z'imiturire, na zone zitandukanye mu ikoreshwa neza ry'ubutaka.



Kubufatanye bw'Akareka ka Kamonyi, ikigo gishinzwe ubutaka (NLA) n'itsinda ririmo gukora igishushanyombonera hamaze gusurwa imirenge ya Gacurabwenge na Kayumbu aho inzengo z'ibanze zihagarariye abaturage, bifatanyije n'abandi batumirwa bagiye batanga amakuru nkenerwa, banagaragaza ibibazo bijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka mu tugari bahagarariye.

Iyi gahunda kandi integanijwe no mu yindi mirenge yose itaragerwamo kugira ngo hazakorwe igishushanyombonera kinogeye buri wese kugira ngo n'ikoreshwa ry'ubutaka rirusheho kubyazwa umusaruro uhagije.



